Uburyo bwo Gutunganya Ibishashara

Ibishashara byamaze gutunganywa byo muri Malawi

Ibikoresho bikoze mu bishashara byakorewe i Bugande, byakozwe na Hives Save Lives Africa

Igishashara gifite agaciro; gishobora gukorwamo ibikoresho bitandukanye. Ntibigomba kujugunywa rero.

Tandukanya amavuta yavuye mu bimamara byahakuwemo ubuki n'ibimamara byijimye cyangwa ibishaje birimo inzuki z'ibyana (ibyana by'inzuki bitaravuka).



Ikimamara gisukuye cyahakuwe nicyo kivamo amavuta y'ibishashara.

Fata ibimamara bimanyaguye ubyoze mu mazi bishiremo umwanda n'ubuki. Bishyire mu mufuka usa neza maze ubihambire n'umugozi. Shyushya amazi menshi mu isafuriya, umufuka urimo ibishashara uwutsindagire mu mazi urengerwe.

Tsindagira umufuka urengerwe n'amazi

Umufuka

Isafuriya yuzuye amazi asyushye

Komeza ucanire amazi witonze ariko ntatabure. Komeza utsindagire umufuka kugeza ubwo ikimamara gishonga. Umushonge w'ikimamara uzanyura mu ndodo z'umufuka hanyuma urerembe hejuru y'amazi.

Kamura umufuka kugirango umushonge w'ibimamara uvemo

Umushonge w'ibimamara unyura mu mufuka ukagwa mu mazi

Kamura umushonge w'ikimamara usigaye mu mufuka ukoresheje inkoni ebyiri kandi uwuzengurutsa. Itonde kuko umufuka ushyushye. Uwo mushonge w'ibimamara ureremba ku mazi urisuganya ugakomera uko amazi agenda ahora.

Umushonge w'ibimamara ukomeye ugomba kongera ugatunganywa kugirango umwanda ukirimo ushiremo:

Fata uwo mushonge w'igishashara wahoze usa nabi uwumanyaguremo uduce duto.

Fata igishashara gikasemo uduce ukiyengeshe ugishyize mu isafuriya iteretse mu yindi irimo amazi abira.



Canira kugeza ubwo igishashara kiyenga. Kuri iyi ifoto, reba umwanda wavuye mu gishashara uri mu ndiba y'isafuriya.

Igishashara cyayenze gisuke ukinyujije mu kintu kiyungurura kugirango imyanda ivemo. Igice cy'umwenda gisukuye nicyo cyiza.

Igikoresho gikoze muri pulasitiki gishobora gutuma igishashara kigira ishusho nziza bitewe nuko giteye. Siga isabune icyo gikoresho neza kugirango igishashara cyatunganijwe kidafataho kimaze guhora.

Gusiga isabune imbere muri icyo gikoresho bituma igishashara cyatunganijwe kidafatamo

Igishashara cyatunganijwe gihorera mu gikoresho cyashyizwemo kandi gikurwamo igihe kimaze kwiyegeranya gikomeye. Umwanda usigara inyuma ku mwenda. Umwenda ushobora kumeswa ukongera ugakoreshwa.

Sukura buri gikoresho umaze gukoresha.

Ibishashara byatunganirijwe kugurishwa. Hari ibipima ikilo n'ibipima Inusu. (byatunganijwe na NHPC, Malawi).



UBUNDI BURYO BWO GUTUNGANYA IBISHASHARA

1. **Uburyo bwo gutunganya ibishashara ukoresheje izuba: ubushyuhe bw'izuba bushobora gukoreshwa mu gushongesha ibishashara. Igishashara gishyirwa mu mufuka uyungurura ugaterekwa ku kintu kimeze nk'ipurato y'icyuma mu isanduku itwikirije ikirahuri maze kigashyirwa ku zuba. Igishashara cyayenze kinyura mu munwa w'icyuma kigatembera mu gikoresho washyizeho. Hagomba kubaho kwitonda kugirango igishashara kidashyuha kikarenga urugero, kigahinduka umukara cyangwa kigashirira.**



2. Uburyo bwo gutunganya ibishashara ukoresheje umwotsi: Ibishashara kandi bishobora gusukurwa hakoreshejwe umwotsi. Umufuka w'ibishashara cyangwa ibimamara umanikwa hejuru y'igikoresho cy'icyuma ukanagana hejuru y'amazi arimo kubira. Ibishashara byayenze bitonyanga biva mu ishashi bigwa mu gikoresho cyataganijwe kujyamo. Itondere kugirango amazi adakama agashiramo.